


PreK 4 ME Uguhuza imiryango

IGICE CYA 6: IBINTU BIKURA


Ishusho rusange y'igice cya 6: Ibintu bikura

Igihe cyo kweza imyaka kiraje kikaba ari igihe gishimishije mu ishuri! Tugiye kwifashisha ibyo twize mu isomo ry'ubumenyi kugira ngo turebe uko ibimera n'inyamaswa bikura. Tugiye kwitegereza ubusitani hirya no hino ku isi, kuva imbuto zigiye guterwa kugeza zibyaye ibimera. Muri iri somo tuzarebera hamwe uko buri wese azagenda akura muri uyu mwaka – duhuriza hamwe ubumenyi n'ibitekerezo tuzabona muri uyu mwaka w'amashuri. Tuzanakomeza kandi kubona ubumenyi mu kuririmba no kubara ndetse no gufasha abana bacu kwitegura kujya gutangira ikiburamwaka!


IGICE CYA 6 IBITABO BIHARI (MU CYONGEREZA)



The Ugly Vegetables
Cyanditswe na Grace Lin



Community Soup
Cyanditswe na Alma Fullerton



Chickens Aren't the Only Ones
Cyanditswe na Ruth Heller

Zinnia's Flower Garden

Cyanditswe na Monica Wellington



Images from Amazon.com

Ibindi tuzasoma : Make Way for Ducklings

Cyanditswe na Robert McCloskey

Animals Born Alive and Well

Cyanditswe na Ruth Heller



Image from Pixabay

Indirimbo, udukino tw'amagambo n'inyuguti

Soma iki gisigo uri kumwe n'umwana. Mubaze niba yabona andi magambo afite ijwi ahuriyeho n'ibiri muri iki gisigo!

IBIMERA BYA BUTTERCUPS N'IBYA DAISIES

Ishikashike n'amaroza,

Oh, mbega indabo nziza!

Zirabya ku mwero ,

Zizana n'umwero .

Imbuto n'ibibabi byazo bitangira agukura ,

Mu kirere harahinduka .

Ishikashike n'amaroza

Muzamuke murabye impande zose !



Image from Pixabay

Reba akandi gace hari indi myitozo bakorera mu rugo



Dore imyitozo yo gufasha abana kwigira mu rugo !

Umwitoto ufasha kwiga neza imibare , uburyo bw’imyigire

Kubara uzenguruka inzu

Uyu ni umwitoto woroshye unaryoshye kandi udasaba igikore-sho na kimwe! Shaka ibintu biboneka mu rugo (inzugi, amadirishya, itapi n’ibindi) noneho usabe umwana abibare! Ushobora kumubwira ibiri aho ari byinshi n’ibihari ari bike.

Umwitoto ufasha kwiga neza gusoma no kwandika, kubaka umubiri ukagira imbaraga, imibare

Hari ubwo mba ndi gato

Iki ni igisigo twakoresheje muri iki Gice :

Hari ubwo mba ndi gato

(Sutama maze ube gato)

Hari ubwo mba ndi muremure (Hagarara wirambure ugana hejuru)

Gato (Sutama)

Muremure (Hagarara wirambure)

Umwitoto ufasha kwiga neza gusoma no kwandika, ururimi, ibirebana n’imibanire n’amarangamutima n’uburyo bw’imyigire

Ritangizwa na..

Andika inyuguti 5 ku rupapuro. Mubaze niba azi amajwi izo nyuguti zitanga. Noneho zenguruka inzu uri kumwe n’umwana urebe niba yabasha kubona ibintu bivugwa ijwi ritangira kuri buri kintu risa n’ayo. Hari ubwo wajya ukenera kubibutsa ayo majwi!



Image from Pixabay

Ijambo rigenewe imiryango n’abita ku bana :

Mu gihe turimo dusoza umwaka wacu, turimo tugana mu mpeshyi ari nako abana banyu bagana mu gutangira ikiburamwaka. Dore ibintu byafasha umwana wanyu (ndetse namwe ubwanyu!) :

- ◆ Ugomba gusura ishuri vuba hashoboka muri iyi mpeshyi. Niba ishuri riteganywa iminsi yo gusura, umwana wawe uzamufashe abikore. Niba ishuri ry’ikiburamwaka umwana wawe azigaho ritanga gahunda y’ibikorwa umunsi uyu n’uyu mbere y’igihe, uzafatanye n’umwana wawe kuyirebaho. Uzafate amafoto y’ishuri, icyumba umwana azigiramo, ndetse n’iya mwarimu uzamwigisha biramutse bishoboka.
- ◆ Umwana wawe uzamubwire ibiyumviro wagize ugeze aho azigira ikiburamwaka– icyatumye wumva uguwe neza n’uburyo byatumye wumva umeze utyo (mu gihe waba ubyibuka)
- ◆ Somera umwana wawe ibirebana no gutangira ikiburamwaka.